Ifishi y'iyamamazabuhinzi yateguriwe abahinzi

UBUHINZI BW'AMASHAZA

GUFUMBIRA		IBIPIMO BY'IFUMBIRE	IKORESHWA RYARI ?	IKORESHWA GUTE ?
Niba ubutaka busharira, shyiramo ishwagara		Koresha Ibiro 30 by'ishwagara inoze kandi yumutse kuri Ari imwe buri myaka ibiri	Nibura ibyumweru bine mbere yo gutera	Yinyanyagize mu murima uhite urenzaho igitaka
Ifumbire y'imborera		Rekera ibisigazwa by'ibimera mu murima	Igihe cy'isarura	Bikoremo ifumbire y'imborera cyangwa ubitabe wongeye kuhahinga
		Koresha ibiro 100 kuri Ari 1 = udutebo 4 cg ingorofani 2 z'ifumbire y'imborera	Mu isanza	Yinyanyagize mu murima uhite urenzaho igitaka mu gihe usanza
Ifumbire mvaruganda		Koresha ikilo 1 cya DAP kuri Ari 1	Mu itera	Yinyanyagize mu murima uhite urenzaho igitaka mbere yo gutera

Ari 1 = m 10 x m 10

IFDC CATALIST

<u>Icyitonderwa</u>. : Ibipimo bishobora guhinduka. Iby'ishwagara bitewe n'uburyo inoze, ubuherere bwayo n'ikigero cy'ubusharire bw'ubutaka. Iby'ifumbire y'imborera n'imvaruganda bitewe n'uko ubutaka bwarumbukaga. Tera kuri cm 40 hagati y'imirongo na cm 20 hagati y'utwobo. Buri kobo ushyiremo intete 2 z'amashaza. Ari 1 isaba garama 600.

Ifishi y'iyamamazabuhinzi yateguriwe abahinzi

INDWARA Z'INGENZI N'IBYONNYI

INDWARA	IBIZIRANGA	UKO BAZIRINDA	UKO BAZIVURA	IBIPIMO BIKORESHWA
Imvura		- Koresha imbuto z'indobanure ; - Simburanya neza imyaka mu murima : amashaza ntasimbura mu murima soya, ibishyimbo, imikunde, ubunyobwa, inkori cyangwa amashaza.	Umuti wica uduhumyo : Benilate (Benlate)	Vanga garama 20 z'umuti muri litiro 10 z'amazi, utere Ari 1
Akalibata		- Koresha imbuto z'indobanure ; - Vana mu murima ibishogoshogo by'amashaza yafashwe n'iyi ndwara bigatabwa ; - Simburanya neza imyaka mu murima : amashaza ntasimbura mu murima soya, ibishyimbo, imikunde, ubunyobwa, inkori cyangwa amashaza.	Umuti wica uduhumyo : Benilate (Benlate))	Vanga garama 20 z'umuti muri litiro 10 z'amazi, utere Ari 1
Nyamwihina		- Ihutire gutaba mu mwobo muremure ibishogoshogo by'amashaza yarwaye iyi ndwara nyuma y'isarura.	Umuti wica udukoko : Diméthoate (Diméthoate)	Vanga ml 10 z'umuti (udufuniko 2 tw'icupa rya Fanta) muri litiro 10 z'amazi, utere Ari 1

Ari 1 = m 10 x m 10

IFDC CATALIST